



Icyicaro gikuru cya Kiliziya Gatolika ku isi

UBUTUMWA BWA NYIR'UBUTUNGANE PAPA FRANSISIKO KU MUNSI MPUZAMAHANGA W' ABAKENE WIZIHIZWA KU NCURO YA 3

Ku wa 17 ugushyingo 2019, Icyumweru cya 33 gisanzwe

Ukwizera k'umukene ntikuzigera gutamazwa

1. *“Umukene ntazibagirana burundu, amizero y'umunyabyago ntazigera ayoyoka”*(Zab 9,19).

Bavandimwe nkunda,

Aya magambo ya zaburi ni ay'ibihe byose. Aragaragaza mbere ya byose uburyo ukwemera gutera umutima w'umukene kugira ukwizera: yizera kongera kugira ubuzima bwiza nyuma yo guhura n'akarengane, imibabaro ndetse n'akaga bitabarika.

Umuririmbyi wa zaburi agaragaza neza imibereho y'umukene ndetse n'ukwishongora kw'abamukandamiza (reba Zab 10, 1-10). Aratabaza ubutabera bw'Imana kugira ngo buze buce ingoyi y'akarengane n'ubusumbane (Zab 10, 14-15). Iki kibazo umwanditsi wa zaburi agaragaje cyabayeho kuva kera. Kuki Imana yakwihanganira ubwo busumbane? Kuki yakomeza kurebera aho umukene asuzugurwa? Kuki se yakwemera umugiranabi akomeza kubaho neza kandi uko yitwara imbere y'akababaro k'umukene bimucira urubanza?

Biragaragara ko igihe iyi zaburi yandikwaga, hariho abantu bari bamaze kwigwizaho ubutunzi bikaba byari byaratumye habaho ubusumbane bukomeye mu bantu. Nk'uko dusanzwe tubizi, buri gihe iyo ahantu hari ubusumbane, haba hari igice kinini cy'abantu bakennye, babayeho mu buryo buteye agahinda cyane iyo ugereranyije imibereho yabo n'iy'agatsiko k'abamaze gushyikira ubutunzi. Ni byo umuririmbyi wa Zaburi yitegereje maze atanga iyi shusho igaragaza ibintu bikiriho kandi by'ukuri.

Muri kiriya gihe hariho abantu b'abishongozi batatinyaga Imana bameneshaga abakene cyangwa bakabagira abacakara nyuma yo kubanyanganya na duke bari batunze. Na n'ubu kandi ibyo biracyariho. Ihungabana ry'ubukungu ntirya bujije ko habaho agatsiko k'abantu bigwizaho ubutunzi. Ibyo umuntu akaba atakumva uburyo bishoboka mu gihe hirya no hino mu mijyi yacu uhasanga umubare w'abantu batabarika batagira n'urwara rwo kwishima. Ibi binyibukije amagambo yo mu gitabo cy'Ibyahishuwe agira ati, « Kubera ko wibwira uti 'Ndi umukire, ndakungahaye ntacyo nkennye, maze ntumenye ko uri umunyabyago, imbabare, umukene, impumyi n'umutumbuze! » (Hish 3, 17). Ibihe birahita ibindi bigataha, ariko

imibereho y'umukene ntiyigere ihinduka, nk'aho ibyo tugenda tubona ntacyo bitwigisha. Aya magambo yo muri Zaburi ntabwirwa gusa ab'icyo gihe ahubwo natwe aratureba, mu gihe tugitereje urubanza rw'Imana.

2. Muri ibi bihe turimo, dushobora kurondora uburyo butandukanye amamiliyoni y'abagabo, abagore n'abana babayeho mu bucakara. Buri muni tugenda duhura n'imiryango iva mu byayo itabishaka, igashyira nzira igenda ishakisha aho yakura amaramuko. Hari impfubyi cyangwa abana batandukanyijwe n'ababyeyi babo batabishaka, bakajyanwa gukoreshwa imirimo y'agahato kandi itabafitiye akamaro. Hari urubwiruko rubungera hirya no hino, rugenda rushaka akazi, ariko abagatanga bakakimana bitwaje ko ngo byahungabanya ubukungu bwabo. Hari abagiriwe nabi ku buryo butandukanye, birimo no gushorwa mu busambanyi no kunywa ibiyobyabwenge bigatuma babaho mu buryo bubiri birenze ukwemera. Ntitwakwabagirwa imbaga y'abimukira batabarika bashyizwe muri ubwo buzima no gushaka inyungu kwa bamwe, akenshi bishingiye kuri politiki? Abo ntawe ubitayeho, nta n'ubwo bafatwa nk'abandi. Ntitwakwabagirwa kandi abatagira aho bakinga umusaya, bahawe akato babungera hirya no hino mu mijyi yacu.

Ni kenshi cyane tubona abakene ahamenwa imyanda bashakisha imibereho n'imyambaro mu gutoragura ibyakoreshejwe nabi cyangwa se ibyajugunywe n'abanyamurengwe! Abo bambuwe ubumuntu, bafatwa na bo nk'imyanda kandi abatumye bahinduka batyo bakicara bagatimaza, bakumva ko nta rubanza rubariho! Nta muntu n'umwe ushobora kumva iby'ubukene bwabo kubera ko kenshi bafatwa nk'indirizi muri sosiyete. Bavandimwe, urubanza ruradutegereje! Ziriya ngorwa ntizitinye cyangwa se ngo zicike intege, tuzifata nk'abantu bateye ikibazo kandi badashoboye kubera gusa ko ari abakene!

Ikibabaje cyane ni uko tutabemerera no gusohoka muri ubwo butindi, ahubwo tugahora dushyiraho ingamba zikaze zo kubikiza mu mijyi yacu, aho n'ubundi baba bariho batanariho. Aho biriwe si ho barara. Barabungera bava aha bajya hariya, bibwira ko bahabona akazi, icumbi cyangwa se bakahahurira n'abagiraneza. Akantu kose babonye gashobora kubafasha, kabarema agatima. Byongeye kandi no mu bihugu bivuga ko byacyiye akarengane, usanga ahubwo ari ho batabacira n'akari urutega. Babiriza ku ruzuba rukaze, byitwa ko babahaye akazi, bajya no kubahemba bakabaha intica ntikize. Nta mutekano bafite mu kazi, nta nubwo yewe bafatwa kimwe n'abandi. Ntibemerewe gufashwa n'ibihugu byabo nk'uko bibikorera abadafite akazi habe no guhabwa ingurane cyangwa kuvuga ko barwaye.

Umuririmbyi wa Zaburi atanga neza ishusho y'uburyo abakire baryamira abakene. Ati « Arubikira nk'intare ibunze mu gihuru; akubikira ngo asumire umunyabyago, agasumira umunyabyago amuroha mu mutego we». (Zab 10, 9). Abakire bameze nk'intare ziri mu muhigo, bagusha abakene mu mitego yabo, bamara kuyigwamo bakabahindura abacakara babo. Mu gihe abakene babayeho muri ubwo buzima buteye agahinda, benshi muri twe twahisemo kwibera ba « ntibindeba » no kuruca tukarumira ngo hatagira abatubona cyangwa bakatumenya. Dukunze kumva imbwirwaruhame zivuga kuri aba bakene, zikagaragaza ko ari benshi kandi bariho mu buryo buteye agahinda. Bataye agaciro maze babura ijamba muri sosiyete. Bariya bagabo, abagore n'abana ntidushobora kubakira iwacu, yewe habe no mu duce dutuyemo ntitwakwemera ko bahakandakiza ikirenge.

3. Iyo umuntu azirikanye neza iyi zaburi, aterwa agahinda n'ubuzima bubi abakene barimo biturutse ku karengane, imibabaro n'urwango bibibasira. Ariko kandi igishimishije kikanarema agatima ni uburyo Zaburi itanga igisobanuro cy'umukene: Ni wa wundi « Wizeye Nyagasani » (Reba Zab 10, 11) kubera ko azi neza ko atazigera amwibagirwa. Umwanditsi agaragaza neza uko kwizera k'umukene gushingiye ku kuba « azi neza Imana ye ». Mu mvugo ya bibiliya, uku « kumenya » gusobanuye ko afitanye na Yo ubusabane bwihariye kandi ko imufitiye ubwuzu n'urukundo.

Ibi bintu birashimishije cyane ku buryo burenze uko twabitekerezaga. Ibi biragaraza ubuntu bw'Imana iyo ihuye n'umukene. Imbaraga z'Umuremyi zirenze kure ibyo umuntu yibwira kandi zigaragarira mu buryo amuzirikana. Kwizera Nyagasani, kwiringira ko adashobora kumwibagirwa ni byo bimutera kutiheba. Umukene azi neza ko Nyagasani adashobora kumwibagirwa, ni yo mpamvu yihambiriye kuri iyo Mana ihora imwibuka. Ubufasha bwayo burenze kure ubuzima bubabaje abayemo muri iki gihe. Mu mutima we yizeye ko Imana izamubohora kuko azi neza ko imushyigikiye cyane.

4. Ibyanditswe bitagatifu bikunze kugaruka cyane ku buryo Imana igirira neza abakene. Ni Imana « itega amatwi », « itabara », « irengera », « irinda », « icungura », « ikiza », ... Muri make, umukene ahora yizeye ko Imana yumva isengesho rye. Imana ni intabera kandi irazirikana (reba Zab 40, 18; 70,6). Mu by'ukuri Imana imubereye ubuhungiro kandi ntizabura kumutabara (Reba Zab 10, 14).

Dushobora kubaka inkuta, tugafunga imiryango tukayidanangira ngo tubone uko tubaho dutekanye twe n'imitungo yacu. Nyamara iyo mibereho twifuza tukayivutsa abari inyuma y'izo nkuta twubatse. Si ko bizahora. Umunsi wa Nyagasani, nk'uko umuhanuzi abivuga, uzakuraho impaka yashyizweho hagati y'ibihugu maze ubwibone bwa bamwe ibusimbuzwe gushyira hamwe n'abandi (reba Am 5,18 ; Yow 1-3). Guheza imbaga itabarika y'abantu ntibizahoraho. Ugutabaza kwabo kuragenda gukwira isi yose. Nk'uko umwanditsi Primo Mazzolari yabivuze, ati "umukene ni nk'ikimenyetso cyamagana ubusumbane n'akarengane, biri muritwe abantu. Ku mwirengagiza akari kera byakururira isi akaga."

5. Niturebe neza icyo Ibyanditswe bitagatifu bivuga ku bakene. Turasanga ijambo ry'Imana ritwereka ko abakene ari ba bantu badafite ibibatunga, babeshejweho n'abandi. Ni ba bandi batsikamiwe, baciye bugufi, bapfukamira abandi. Nyamara Yezu Kristu ntihazuyaje mu kwigira umwe muri iyo mbaga itabarika. Ati "Ibyo mwagiriye umwe muri abo bavandimwe banjye baciye bugufi, ni njye mwabaga mubigiriye (Mt 25.40)". Kwitarura iyo shusho, byaba ari ukutamenya neza Kiliziya no gutesha agaciro ibyo twahishuriwe. Yezu yashatse kutwereka ko Imana ari Umubyeyi utanga atitangiriye itama, umunyampuhwe udahwema kugirira ubuntu abana be utuma abihebye n'abahemukiwe bagira icyizere cyo kongera kubaho.

Nitwibuke neza ko muri za ngingo nterahirwe Yezu yatangiriyeho yigisha ingoma y'Imana yatangiye aya magambo ati « Murahirwa mwebwe abakene » (Lk 6,20). Ibyo bishatse kuvuga ko ingoma y'Imana ari iy'abakene kuko ari bo biteguye kuyakira. Buri munsi duhura n'abakene batari bake. Aho kugira ngo bagabanuke ku isi ahubwo bagenda barushaho

kwiyongera. Ibinyejana bitari bike bimaze guhita, ariko iyo nterahirwe iracyameze nk'umugani; abakene baracyariho kandi baragenda barushaho gukena uko bwije n'uko bukeye. Nyamara ubwo Yezu ubwe yatangaje ubwami bw'Imana ashyira imbere abakene, arashaka kutubwira ibi bikurikira : « Yarabutangaje, ariko twebwe abigishwa be aduha umurimo wo kubukomeza nk'inshingano yo gukomereza icyizere abakene ». Birakwiye mu gihe nk'iki cyacu, kubafasha kugarura icyizere no kwemera ko batwegera. Iyo ni gahunda imbaga y'abakristu igomba kwitaho ikayigira iyayo. Ibyo ni byo isi izaheraho yemera ibyo twigisha ikamenya ko turi intumwa za Kristu.

6. Mu kwiyegezeza abakene, ni ho Kiliziya itahurira ko ari umuryango w'abantu batatanye, hirya no hino mu mahanga kandi ko ifite ubutumwa bwo kumenyeshya buri wese ko nta n'umwe uhejwe mu nzira dusangiye iganisha ku mukiro. Kubana n'abakene bituma tugumana na Kristu ubabarira muri bo. Duhamagariwe kumwegera, kugira ngo turonke imbaraga zo kumumenyekanisha hose uko ari. Gufasha abakene kubaho neza ntibitana no kwamamaza Inkuru Nziza, ahubwo bishyira mu bikorwa ibyo ubukristu budusaba, bikanagaragaza indangagaciro z'umukristu w'ibihe byose. Urukundo rutanga ubuzima muri Yezu Kristu ntirwakwemerera abigishwa be guteshuka bagana umuco wo kuba ba nyamwigendaho, wihishe muri bamwe mu bemera, batagira uruhare na ruto mu mibereho myiza y'abaturage. (reba Exhort. ap. Evangelii Gaudium, n. 183)

Mu minsi ishize twababajwe n'urupfu rw'intumwa ikomeye y'abakene Yohani Vanier wari warakoresheje ubwitange mu gushyiraho uburyo bushya bwo gusangira n'abahawe akato, agamije kubateza imbere. Imana yahaye Yohani Vanier ingabire yo kwitangira abavandimwe bamugaye kurusha abandi, ba bandi usanga umuryango usa n'uwabakuyeho amaboko. Abashyizwe ku ruhande bamuhesheje kwinjira mu « butungane ». Kubera kumenya gushyikirana na bose, yashoboye kwiyegezeza urubyiruko rwinshi ndetse n'abagabo n'abagore bitanze ubudateshuka, bagatuma abo bantu batakigira kirengera bongera kumwenyura. Babahaye amizero y'umukiro bava mu kato no mu bwigunge. Ubuhamya bwa Yohani Vanier bwahinduye ubuzima bw'abantu benshi kandi bufasha abatuye isi kudakomeza kurenza ingohe ab'intege nke. Ugutabaza kw'abakene kwarumvikanye kandi guha umukene kongera kugira icyizere, kurema ibimenyetso bigaragara kandi bifatika by'urukundo nyarwo bikiriho kugeza n'uyu muni.

7. « Guca bugufi kubera abo umuryango ubona nk'umutwari ndetse yashyize ku ruhande », ibyo ni byo bigomba kuranga abigishwa ba Kristu kugira ngo batume Kiliziya ikomeza isura yayo kandi bahe icyizere nyacyo aba bantu batagira kivurira. Icyo ni cyo gishimangira urukundo rwa gikristu kubera ko ubabarana na bo mu rukundo rwa Kristu, aronka imbaraga n'umuhate byo kwamamaza ivanjili.

Kuri uyu muni mpuzamahanga w'abakene kimwe no yindi minsi isanzwe, abakristu bafasha abakene. Ni byiza kandi koko birakenewe cyane. Ariko rero muri uko kubafasha nihashyirwe imbere gutegurira buri muntu wese utuye ku isi kumva ko agomba kwita kuri buri wese uri mu kaga. Urukundo rumeze rutyo ni rwo shingiro ryo gufasha abakene mu buryo bukwiye no kubashakira ineza nyayo. Nk'umukristu, ntiwashobora guhamya ko ufasha umukene kugarura icyizere mu gihe umuha ibyo akeneye ariko ukamuha akato, kuko waba ahubwo ushyigikira wa muco wadutse wo kubashakira ubuzima bwiza kandi buhenze ariko

bw'akanya gato. Tugomba guhindura imitekerereze kugira ngo tubashe gutahura igikwiye maze umurimo dukora wo kwamamaza Ingoma y'Imana urusheho kugira imbaraga.

Abakene bagarura icyizere igihe tubahumuriza kandi tukababa hafi bitari gusa mu bihe ibi n'ibi byabugenewe, ahubwo mu buryo buhoraho. Abakene ntibagarura icyizere kubera ko batubonye twigomwe ngo tubahe akanya gato kacu. Ibyo tubakorera byose bibagwa neza iyo babonye twabikoranye urukundo rudafite izindi nyungu zirwihishe inyuma.

8. Ndasaba abakorerabushake bashoboye gutahura mbere y'abandi ubu buryo bukwiye bwo kwita ku bakene gukomeza ubwitange bwabo.

Bavandimwe nkunda,

Ndashishikariza kumenya gutahura icyo abakene muhura na bo babakeneyeho. Ntimugashimishwe gusa no kubaha ibintu ngo murekere aho; ahubwo nimutahure ubuntu buri mu mutima wabo, mutirengagije imico yabo n'iby byavugaga kugira ngo mushobore gushyikirana na bo bya kivandimwe. Nidushyire ku ruhande ibidutandukanya byose, byaba bishingiye ku mitekerereze cyangwa kuri politiki. Niturebe gusa icy'ingenzi kidakeneye amagambo menshi yo kucyumvikanisha, ahubwo gikeneye indoro y'urukundo n'ikiganza kirambuye. « Ntimuzigere mwibagirwa ko ihezwa rikomeye rishegesha abakene ari ukutitabwaho kwa roho zabo » (ibid. n. 200).

Mbere ya byose abakene bakeneye Imana n'urukundo rwayo berekwa n'abantu b'intungane bababa hafi, baca bugufi bakoroshya imibereho yabo kugira ngo babagaragarize imbaraga z'urukundo rusa n'urwa Kristu. Imana yifashisha inzira n'ibikoreshe byinshi kugira ngo yigarurire imitima y'abantu. Birumvikana, abakene baratwegera kubera ko tubaha ibiryo, ariko icyo badukeneyeho kirenze kure icyo cyo kurya twifuzaga kubaha. Abakene bakeneye ko tubatiza amaboko bagahaguruka, bakeneye ko tubakingurira imitima yacu kugira ngo bongere bumve agaciro k'urukundo, bakeneye ko tubana na bo kugira ngo bave mu bwigunge. Muri make, mbere ya byose, bakeneye urukundo.

9. Rimwe na rimwe gufasha umukene kugarura icyizere hari ubwo bidasaba ibintu byinshi: mugaragarize ko umwitayeho, umusekere, umutege amatwi. Kuva ubu nitureke ibyo kwirirwa dutangaza imibare y'abakene dufite kuko ingano yabo atari ikintu twakwiratana mu byo twagezeho cyangwa mu mishinga yacu. Ahubwo tumenye ko abakene ari abantu tugomba gutumira ku meza iwacu tugasangira; ni abagabo, abagore n'abana bategereje ko twababwira ijamba ryuje urukundo. Erega burya abakene tubaronkeraho umukiro kuko bashushanya Kristu ubwe!

Hari abavugaga ko gutekereza ko ubukene n'ubutindi bishobora gushyitsa umuntu ku mukiro ari ukwibeshya. Nyamara ni byo intumwa itwigisha aho igira iti: « ku bw'abantu nta bahanga benshi babarimo, nta n'ibihangange byinshi bibarimo, ndetse nta na benshi bafite amavuko y'ikirenga. Ahubwo rero ibyo abantu bita ibisazi, ni ibyo Imana yihitiyemo ngo irindagize abiyita abahanga; kandi ibinyanteye nke ku bantu ni byo Imana yihitiyemo kugira ngo isuzuguze abanyamaboko. Byongeye abatagira amavuko b'insuzugurwa ni bo Imana yihitiyemo ngo ihindure ubusa abiyita imbonera; kugira ngo hatagira umuntu n'umwe

wikuza imbere y’Imana ». 1Co 1, 26-29). Amaso ya muntu ntashobora kubona izo mbaraga zikiza ariko iyo mumurikiwe n’ukwemera mubona ibikorwa n’izo mbaraga maze mukabibera abahamya. Umuryango w’Imana uri mu rugendo urangajwe imbere n’izo mbaraga zitagira uwo ziheza ahubwo zihamagarira buri wese gutangira urugendo nyarwo rwo guhinduka kugira ngo ashobore kumenya abakene no kubakunda.

10. Nyagasani ntatererana abamushaka kandi bamutabaza. “Ntiyirengagiza imiborogo y’umunyabyago” (Zab 9 , 13), kuko ahora amuteze amatwi. Ukwizera k’umukene kumuha imbaraga zituma atsinda ubwoba bw’urupfu. Kumva ko Imana imukunda by’umwihariko bituma imibabaro n’ikumirwa akorerwa bitamuca intege .Ubukene abayemo ntibumutesha icyubahiro Imana yamuremanye. Ahora yizeye adashidikanya ko Imana izakimugarurira cyose uko cyakabaye kuko itigera yihunza abana bayo baciye bugufi. Ibona ibibazo byabo n’akababaro kabo, maze ikabigira ibyayo nuko ikabaha imbaraga, ikabarinda gucika intege. (reba Zab 10,17). Ukwizera k’umukene gushimangirwa no kudashidikanya ko Imana imwakira, izamucira urubanza rw’intabera, kandi ikamuha imbaraga zituma akomeza gukunda (reba Zab 10,17).

Abigishwa ba Yezu bubahiriza inyigisho ye, ni abafasha abandi kugira ukwizera. Mboneyeho gusaba imiryango yose y’abakristu n’abantu bose bumvise hakiri kare ko hari icyo bagomba gukora kugira ngo bafashe abakene kugarura ukwizera, kudacika intege. Nibakomeze kugira umuhate wo gukangurira bagenzi babo kugenza kimwe nka bo maze uyu munsu mpuzamahanga w’abakene wongerere abantu benshi imbaraga n’ubushake bwo gukorera hamwe, bityo ntihazagire umuntu n’umwe wumva ko yatereranywe. Aya magambo y’umuhanuzi adutegurira ahazaza hatandukanye n’ubuzima bw’iki gihe aduherekeze: “Naho mwebwe abubaha izina ryanjye, izuba ry’ubutabera rigiye kubarasiraho ribazanire agakiza mu mirasire yaryo” (Mal 3, 20).

Bikorewe i Vatikani ku wa 13 kamena 2019

Umunsi mukuru wa Mutagatifu Antoni wa Paduwa

Papa Fransisko